

## DORE AKAMARO KO KWIGISHA UMWANA MU RURIMI RWE KAVUKIRE

### Intangiriro

Kimwe mu byemezo bikomeye gishobora gufatwa mu rwego rw'ubusugire, imikoreshereze n'imyigishirize y'ururimi ni ukurugira ururimi rwigishwamo. Ururimi rukoreshwa mu kwigisha amasomo rugira uruhare mu guha umwana cyangwa kumubuza amahirwe mu byo yiga n'ubushobozi bwo kubyiga kandi neza. Ni ngombwa rero kwita ku byemezo bifatwa ku rurimi rwo kwigishamo kugira ngo hatabaho kubangamira imyigire myiza y'abana.

Uburezi ni bwo bucira ubuhawe inzira y'imibereho myiza n'amajyambere kandi bwabaye inshingano ibihugu n'imiryango itandukanye biyemeje igihe umuryango w'abibumbye wasinyaga amasezerano yubahiriza uburenganzira bwa muntu mu wa 1948.

Uburezi mu rurimi kavukire butangwa hakurikije imigambi yateganyijwe mu kurwigamo kandi hagateganywa igihe n'uburyo abana bazigishwa n'ururimi mvamahanga igihugu gikeneye (iyo rukoresha ururimi rw'igihugu rumwe nk'u Rwanda). Ahari indimi kavukire zirenze rumwe ubu burezi bukorwa ari igice cy'uburezi butambutswe mu ndimi zirenze rumwe iyo abiga badahuriye ku rurimi rumwe kavukire.

Mu burezi butangwa mu rurimi kavukire, abana babona amahirwe yo kwiga inshoza za mbere mu masomo yose mu rurimi rwabo, hanyuma bakazaziga mu rurimi mvamahanga bararangije kuzimenya mu rurimi rwabo. Ubu burezi bufite akamaro gakomeye mu burezi bw'umwana utariga, utangiye kwiga mu nshuke, no mu myaka ya mbere y'amashuri abanza (kugeza mu wa gatandatu bishobotse).

Ururimi ni inzira y'imitekerereze n'umuco w'uruvuga. N'ururimi rwacu ni uko ruteye: na rwo ni inzira y'ubumenyi n'ubwenge bw'abarukoresha. Mwarimu NKUSI L., (1980: 139) yaragize ati: "Ikinyarwanda si ururimi gusa, ahubwo ni imibereho y'umunyarwanda, uburyo avuga, akora, abana n'abandi, uburyo yifata mu bimukikije, ari ibyo abona, ari n'ibyo tubona." Ibyo ni byo birugira ururimi rw'igihugu ndetse n'ururimi rukoreshwa mu butegetsi.

Umuntu ahereye kuri iyi mpamo rero, yasanga ururimi kavukire kandi rw'igihugu ari rwo rwagombye kuba ari rwo runigishwamo cyanecyane abana biga mu mashuri y'inshuke n'abanza, byanashoka bakanakomeza kurwigamo kugeza mu mashuri yisumbuye.

Muri uwo murongo w'ibitekerezo, inyandiko za gihanga zakwandikwa mu Kinyarwanda, kimwe n'ibitabo binyuranye. Ubumenyi burimo bwakenerwa n'abatacyumva bugahindurwa mu ndimi zabo. Abashinwa n'abarusiya se ntibari mu ba mbere ku isi bateye imbere mu bumenyi n'ubukungu kandi bakoresha indimi zabo? N'abadage ni uko. Ibyo bandika byirirwa bihindurwa mu ndimi z'isi yose.

Aba bumvise ibyo UNESCO (1953:47) yifuza aho yagize iti: "Ururimi kavukire ni rwo rubashisha umuntu kwiga kuvuga no gusobanura ibitekerezo bye n'ibyerekereye isi ye". Ubushakashatsi bwakorewe UNESCO (IUL & ADEA, 2010:4) bwasanze Afurika ari wo mugabane wonyine usanga abenshi mu bana batangira biga mu ndimi z'amahanga. Uburezi butanzwe mu rundi rurimi guhera hasi buha amahirwe umuco

w'urwo rurimi akaba ari wo umenywa n'abarwigamo. Umuco nyarwanda uba ubangamiwe mu burezi bwacu igihe bitagenze bityo. Amasomo yagombye gutangwa mu Kinyarwanda kugera igihe nibura umwana arangirije amasomo ye y'amashuri atatu abanza. Biranashoboka ko byanakomeza no mu yisumbuye n'amakuru. Ibihugu nka Etiyopiya, Somaliya byo byemeje ko bigisha mu ndimi kavukire zabyo kugeza amashuri yisumbuye arangiye. NKEJABAHIZI (2011: 100) na we ahamya ko mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza abana bagomba kwiga mu Kinyarwanda. Kuri we ariko na byo si ko byagakozwe kuko UNESCO isanga no mu myaka ya 4, 5, n'ya 6 abana bize muri ubu buryo baba bataracengera ururimi rw'amahanga ku buryo ibyiza ari uko bakomeza kwiga mu rurimi kavukire rwabo. UNESCO yifuza ko nibura umwana arangije imyaka itatu y'amashuri abanza yiga mu rurimi rwe aribwo yagatangiyeye kwiga amasomo y'ururimi rw'amahanga. Si ukurwigamo amasomo ye. Iyo bashaka ko yaziga amasomo muri urwo rurimi rw'amahanga barumwigisha neza nk'isomo (bahereye ku kumwigisha kuruvuga) hanyuma yamara kurucengera akaba ari bwo barumuhamo amasomo (UNESCO1953:56).

No mu Rwanda abanyeshuri bigeze kwiga mu Kinyarwanda kugeza barangije amashuri abanza. Ibi birahamya ko bishobora no gukorwa n'ubu.

Kwigisha mu Kinyarwanda kugeza mu mashuri yisumbuye bishobora kutaba ihame kubera ko igihe umwana amaze kumenya neza ururimi rwe, bityo akaba ashobora no kuba yamenye neza ururimi rw'amahanga akaba yanarwigamo. Ariko kwiga mu rurimi rwe kavukire kugeza arangije amashuri abanza ni byo bimufasha gucengera amasomo ye, arimo no kwiga indimi z'amahanga.

Ikibabaje usanga mu Rwanda hari amashuri menshi atangira kwigisha umwana mu ndimi z'amahanga kuva mu mashuri y'inshuke kugeza arangije. Ingorane zavaho ni izo kubona ikinyarwanda kibagiranye nk'uko byagendekeye ikidanuwa cyangwa igifinilande nyuma y'aho zisimburiywe icyongereza mu burezi. Nta Kinyarwanda uwo mwana azamenya neza, amasomo ye ntazayacengera na gato kuko ayiga mu rurimi rutari urwe atumva, n'indimi z'amahanga ntazo azamenya neza kuko yaziga neza igihe yacengewe n'ururimi rwe rukamubera intango yo kuziga.

Amahirwe akomeye

Nta rurimi kavukire rudashobora gutambutsa ubumenyi ngo rubugeze ku baruvuga iyo rwitaweho neza. Ururimi kavukire kandi ni inzira ibateza imbere mu bukungu. Ariko iyo ruhejwe ku buryo ubu cyangwa buriya ba nyirarwo bahomba byinshi mu majyambere.

Umushakashatsi witwa Rosendal 2009 asanga ari igitangaza kuba u Rwanda rufite ururimi kavukire rumwe ruvugwa n'abarenga 99,4% rukaba ruvugwa rwonyine gusa n'abarenga 90% nk'uko LeClelc 2008 yabitangaje. Undi mushakashatsi Samuelson (2010:191) yemeje ko asanga u Rwanda rufite amahirwe atabaho yo kugira uburezi bunigisha indimi kandi butangwa mu rurimi rw'igihugu rwarwo, bukajijura kandi bugaha ubumenyi rubanda benshi.

Si abo banyamahanga gusa basanze u Rwanda rufite aya mahirwe ataboneka henshi kuko na MUNYAKAZI L. (2001:64) yanditse abaza ati: "Mbese tujya twibaza ibintu twatanga turamutse tugombye kwigisha abana bacu gusoma no kwandika mu ndimi z'amahanga nk'uko ahandi bikoreye uwo mutwari?". Ubwo rero u Rwanda rufite ayo mahirwe, kuki umwana atahabwa amasomo ye mu rurimi

kavukire nibura kugeza arangije amasomo mu myaka itatu y'amashuri abanza nk'uko UNESCO ibyifuza? Bibaye bidakorwa bityo se, ntibyaba ari uguha umwana umutwaro adashobora kwikorera cyangwa akawikorera umuvunnye cyane?

Kwiga amasomo mu rurimi kavukire rw'umunyeshuri bifite akamaro gakomeye cyane mu ireme ry'uburezi ndetse no mu guhugukira indimi z'amahanga n'ubumenyi buzitangwamo. Ako kamaro kari mu ngeri zitandukanye:

*a) Gutambutsa ubumenyi neza*

Abantu bamwe barimo benshi bigisha abana mu ndimi z'amahanga bumva ko Ikinyarwanda kidashobora kwigishwamo ngo bishoboke. Nyamara ubushakashatsi bwinshi bwagaragaje ko ikinyarwanda gitambutsa ubumenyi kandi byarabaye. Ubu bushakashatsi bwemeza kandi ko indimi nyafurika harimo n'Ikinyarwanda zishoboye kandi ko zakwigishwamo (Straton). (Igiraneza: 22) Ibihugu byateye imbere nk'Ubuyapani, Ubudage n'ibindi byihutiye guteza imbere ubumenyi mu ndimi kavukire zabyo kuko abashakashatsi n'abahanga mu burezi no mu kwigisha indimi bemeza ko ari ngombwa gutanga ubumenyi mu ndimi kavukire. Amajyambere y'ibi bihugu mu bumenyi n'ikorabuhanga ashingira ku ndimi zabyo kavukire nk'uko byemezwa na PRAH, 1995:46. Ikiyapani cyatejwe imbere cyane ku buryo buri muturage agendana n'abandi mu majyambere yose agerwaho mu buhanga n'ikorabuhanga. Ibi byateye MUTAKE T. (2001:67) kwibaza yanzura agira ati: "...nasanze hari inyigisho Abanyarwanda bakunguka ku rurimi rwabo kavukire, Ikinyarwanda, ndetse bakaba barutegaho akamaro kanini cyane nk'ako Abanyamahanga badutanze kwiga indimi z'iwabo kavukire bazikuramo." Ibyo bishimangira ibyo mwarimu NKUSI L. yemeje (1980:145) avuga ko *Ikinyarwanda cyashobora kudushyikiriza ubumenyi n'ubuhanga bw'igihe tugezemo.*

Hari n'abakabya ngo ubumenyi butanzwe mu ndimi kavukire nta kiba kirimo kuko izo ndimi nta bumenyi zigeze zigira, hari ibyo zibura (ntizuzuye), ntizishyira mu gaciro, ntizishoboye. Ibyo bigatuma nk'uko RURANGIRWA Straton yabibonye (173) hari benshi babashyira abana babo mu mashuri yiga mu cyongereza aho batazahura n'Ikinyarwanda. Ibyo byonyine bikaba bihagije (NTAKIRUTIMANA Evariste 2012) kugira ngo umuntu amenye agaciro abantu baha ururimi runaka. Ibi bigaragara ko atari ibitekerezo bigendeye ku bumenyi abantu bafite ku ndimi ahubwo bishingiye ku bitekerezo by'amarangamutima akunda ak'i "Buzungu" gusa. Nyamara UNESCO, 2010 ihamagarira bose kwita no kwigisha indimi kavukire no kuzigamo kuruta kwibanda ku kwiga indimi zindi no kuba ari zo zigenderwaho mu kureba ubwenge n'ubushobozi bw'umwana mu mashuri abanza.

IGIRANEZA Th. asanga impamvu bamwe bitwara batyo atari uko ururimi kavukire rutabasha gutambutsa ubwo bumenyi ahubwo ari uko gusa bamwe mu baruvuga barimo na bamwe mu bafata ibyemezo babona ko rutabibasha. Agasanga ibyo ari imitekerereze yo mu bihe byahise yo kuba umuntu akirangwa n'ibitekerezo bya gikoronize bidakwiye kuko byimika bikanatonesha indimi mvamahanga. Nta rurimi rwiha muri byose ahubwo rushobora kuba rukennye kuri iki rugakira kuri kiriya. BIZIMANA S. (1982:101) yamwunganiye avuga ko "Abantu bamwe batsimbaraye ku bitekerezo by'ibinyacyirima

byiyumvisha ko Ikinyarwanda kidashobora gutangwamo ubumenyi buhanitse ngo kuko ubwo bumenyi ari ubuvamahanga.

BUTOTO Yohani (2001:78) yaribajije ati: “Umuntu yiga mu gifaransa cyangwa mu cyongereza ngo azi ubwenge, yakwiga mu gishinwa,...nabwo akaba abuzi, kuki atakwiga mu Kinyarwanda ngo bavuge ko azi ubwenge kimwe na wa wundi...Turwanya urimi rwacu twifashishije indimi z’amahanga, ingaruka izaba urupfu rwarwo nk’uko byagaragaye ku ndimi nyinshi, ikiratini, ikigiriki bya kera”. Ukudakoresha Ikinyarwanda gusa mu myaka ya mbere y’amasomo mu burezi bituma abana badacengera ururimi kavukire kandi bikabatera ingorane zo kwiga indimi z’amahanga no gucengera amasomo biga.

Nta muntu ukwiye kugira impungenge ku bushobozi bw’Ikinyarwanda mu gutambutsa ubumenyi mvamahanga. Gifite ubwo bushobozi nk’uko byagaragaye. Mu kiganiro yagejeje ku bitabiriye inama nyunguranabitekerezo ku Kinyarwanda mu wa 2001 muri IRST, MUNYAKAZI L. (2001:58-59) yasanze ikibazo kitari ku bushobozi bw’Ikinyarwanda: “Niba rero hari ikibazo, ntikiri ku Kinyarwanda kiri ku Banyarwanda ubwacu. Ingorane zifitwe ahubwo n’Abanyarwanda batagaragaza ubushake buhagije bwo gukoresha neza Ikinyarwanda no kukitabaza mu kubwirana inshoza zigezweho mu rwego rw’umuco, ubuhanga n’ikoranabuhanga”. Kimwe n’izindi ndimi zose, Ikinyarwanda gifite ubushobozi bwo kuvuga inshoza izo ari zo zose. MUNYAKAZI L. (2001:65) yongeraho ko: “Ikibazo k’ingorabahizi ni uko benshi mu Banyarwanda batazi neza ubushobozi Ikinyarwanda gifite n’intera kigezeho muri urwo rwego.” Biragoye gukora umurimo mu Kinyarwanda warawize mu ndimi z’amahanga. No mu burezi ni uko.

#### *b) Gukomeza ireme ry’uburezi*

Iyo witegereje usanga abana biga mu rurimi Abanyarwanda 99% bavuga byabafasha gusobanukirwa neza ibyo biga kandi bakabacengera. UNESCO 1952:47 ivuga ko umwana uhuye n’igikonkwani cyo kumva ibitekerezo byatanzwe mu rurimi rutari urwe akiri muto akenshi adashobora kubyiyumvisha no kubivuga mu rurimi rwe. Umuti nta wundi uretse gukoresha Ikinyarwanda mu nyigisho ku bana bakiri muni y’imyaka ikenda nk’uko bitangazwa na UNESCO, ni ukuvuga kurumwigishamo kugeza nibura mu mwaka wa gatatu w’amashuri abanza. Ibyo yiga azabyumva vuba kandi bimucengere kuko yabyize mu rurimi azi kandi yumva neza (Ball, 2010). Mu gihe ururimi kavukire rw’abana atari rwo bahawemo amasomo mu ishuri (cyanecyane iyo ari abiga mu myaka yo hasi), ubushakashatsi bwagaragaje ko habonekamo benshi bata ishuri, kandi hakaboneka benshi batsindwa ku buryo bukomeye. Nyamara ariko ururimi kavukire rutanga inzira ituma umwana agira urukundo rw’amasomo kandi akayatsinda bitagoranye mu mashuri abanza. UNESCO, 2008a, nubwo bigaragara ko hari henshi birengagiza iri hame. Ingaruka z’ibi zikaba ari uko iyi migirire iba iheje umwana mu masomo yiga kubera ko gukoresha urundi rurimi umwana atazi. (Arnold, Bartlett, Gowani, & Merali, 2006).

Byaragaragaye ko iyo integanyanyigisho ziteguye u rurimi umwana atumva neza kandi amasomo akigishwa muri rwo, hakenerwa ingufu nyinshi zitakara mu kwigisha umwana ngo yumve, avuge, asome kandi yandike urwo rurimi rushya kuri we. Ibi bikaba ari umurimo utoroshye kandi utwara igihe kinini cyane mu myaka ya mbere umwana akijya kwiga, iyi myaka ubusanzwe ikaba iba igenewe kwiga gusoma no gusobanukirwa n’amasomo mu rurimi kavukire. Mu gihe umwana adashobora kumva neza ibyo bamwigisha mu rurimi atazi, ntashobora no kurusobanuramo n’ibyo azi, kubaza ikibazo no kugira

uruhare mu masomo. Nyamara iyo guhera ageze ku ishuri yigishijwe mu rurimi rwe yumva bituma yoroherwa cyane n'ibyo yiga, kandi bikorohereza abarezi n'ababyeyi . Amenya gusoba yihuta iyo abyize mu rurimi asanzwe avuga kandi yigamo, kuko aba azi amagambo yarwo, azi uburyo ikibonezamvugo cyarwo kirwubaka, [akaba anazi kuvuga amajwi \(inyuguti\) yarwo](#). Ubu bumenyi aba afite mu rurimi [bworoshya kumenya gusoma no kumva ibyanditswe](#). Ibi rero byoroshya kwiga amasomo yiga [bikagabanya cayne ikiguzi gitangwa mu kwigisha abana](#).

Uwitwa PRAH (2008:2) yasomye ibyo MALEKELA yanditse mu wa 2003 nyuma yo gusesengura iby'uburezi muri TANZANIYA, maze yandika agira ati: "Gukomeza kwigisha umwana mu cyongereza mu masomo ye yisumbuye ni ugukandamiza abana kandi ntibikwiye." Ibi yabivugaga amaze kubona ko urwo rurimi ari rwo abanyeshuri bigamo kandi hari igiswayire bumva neza. Aho bikorwa hose rero ntibikwiye kuko nta bikorwa remezo bihagije; abarimu babishoboye na bo ntibaboneka ku rwego bakeneweho, imfashanyigisho ni uko. Ku buryo kwigisha mu cyongereza ari ukwigerezaho, icyo gihe ireme ry'uburezi rikaba ingume.

Gusaba abarimu kwigisha mu rurimi batitoje kwigishamo kandi batazi neza bitanga umusaruro buri wese yahita yumva. Umusaruro uzaba muke maze hitabazwe Ikinyarwanda mu gusobanura no gusobanukirwa ibiri mu cyongereza. Izi ndimi zombi nta na rumwe bazamenya neza n'amasomo ntazacengera neza abayahabwa. Bitanga abanyagihugu bitwa ko bize ariko mu by'ukuri ntacyo bazi kizabafasha guteza imbere igihugu no kwiteza imbere. Ibi bikaba agahomamunwa iyo noneho abana batangiyeye kwiga muri uru rurimi mvamahanga bagitangira amashuri y'inshuke n'abanza. Aho bikorwa mu Rwanda usanga umusaruro uva muri ubwo burezi udushamaje SAMUELSON (....) na NKEJABAHIZI J. C. (105) babitangaje. Ubanza ari na yo mpamvu ahari abifashije n'abakungu bohereza abana babo kwiga mu mashuri atari ayo mu Rwanda cyangwa yigisha mu zindi ndimi cyanecyane icyongereza.

### **Bituma umubare w'abiga wiyongera**

[Byaragaragaye mu bice bitandukanye by'isi ko iyo abana biga mu rurimi bumva neza \(kavukire\) batangirira ishuri ku myaka yagenwe kandi ntibasibe cyangwa ngo bate ishuri](#). Kutiga mu rurimi kavukire ni imwe mu mpamvu zituma abana bata ishuri cyangwa bagasiba amasomo. [Byaragaragaye ko mu bihugu bimwe na bimwe \(hakoresha indimi kavukire nyinshi\) nka Mali aho abana biga mu rurimi rwabo kavukire bari ku rugero ruto inshuro eshanu mu gusibira ugereranyije n'abiga mu rurimi rutari kavukire](#).

#### *c) Abana bamenya neza Ikinyarwanda*

Bigaragara neza mu bushakshatsi ko mbere yo gutangira ishuri umwana aba ataragira ubumenyi bwose bukenewe mu rurimi kavukire. Aba azi urwo yitabaza mu bwana bwe ariko agikeneye kurumenya neza kugeza abaye umuntu mukuru. Ni yo mpamvu NTAWENZA Timothee (1980:151) yemeje ko *"uburyo bwizewe bwo kunoza ururimi kavukire rwacu no kururinda ibyonnyi by'ibyaduka ni ukurwigisha abana ku buryo bukomeye bugendeye ku gihe abantu barimo. Ibyo bizagerwaho abantu bikuyemo ibitekerezo bya gikoronize byumva ko ishuri n'ubumenyi ritanga bigomba gukoresha ururimi mvaburayi"*.

Ibihugu byinshi ku isi bigenda bifata ingamba zo kurengera indimi zabyo kavukire kugira ngo abavuka bajye bakomeza kuzimenya no kumenya umuco zihetse. Ibyo babinyuza gusa mu gutanga amasomo

n'ubumenyi butandukanye muri izo ndimi kavukire. Ibi bituma abana barushaho kuzimenya neza kandi bitabagoye. Uretse kuba ibi bikorwa mu bihugu byinshi by'i Burayi, no mu bihugu byinshi bya Aziya bahagurukiye ibi bikorwa bikomeye.

*d) Kwigira mu rurimi kavukire bituma umwana amenya neza indimi z'amahanga*

Ibitekerezo bidafite ishingiro bivuga ko kwiga mu rurimi kavukire bituma umwana atamenya indimi z'amahanaga biragoranye. Iyi ni imitekerereze ishaje. Ahubwo bituma umwana amenya neza ururimi rwe; kurumenya bikamworohereza kwiga indimi z'amahanga. [Kumenya inshoza z'ururimi rwe biba ikiraro cyo kwakira no kumva bitagoranye iz'ururimi rundi yiga, bigatuma arumenya vuba. Kumenya gusoma ururimi kavukire byoroshya gusoma ururimi rundi rwigwa. Abana bakenera guhabwa amasomo abamenyeshya ururimi rundi kandi ku buryo bunoze.](#)

Mu bintu by'ingenzi bikwiye kwibukwa ni uko umwana adakwiye gutangira kwiga indimi z'amahanga ebyiri icya rimwe. Ibyiza ni ukubanza kwigisha rumwe akarumenya, bagahera cyane k'urwo uburezi buteganya ko abanyeshuri bazigamo mu yisumbuye no muri kaminuza. UNESCO ivuga ko *bishoboka kwiga neza ururimi rundi kandi bitabaye ngombwa ko rutangwama amasomo*. Abahanga basanze iyo umwana abanje kwiga neza ururimi kavukire rwe ari bwo yiga ku buryo bworoshye ururimi rw'amahanga. MUTAKE T. (2001:71) yabivuze muri aya magambo: "...Ahubwo kwigisha neza abenegihugu ururimi rwabo kavukire ni bwo buryo bwiza bwo guteguriza guhugukirwa neza indimi z'amahanga n'imikoreshereze yazo nk'uko abahanga benshi mu byo kwigisha babihamya." UNESCO isanga ari byiza ko uru rurimi mvamahanga na rwo rwatangira rwigwa nk'isomo gusa.

Umushakashatsi IGIRANEZA Th. agaragaza ko abahanga mu kwigisha indimi bahuriza ku kwemeza ko ikoreshwa ry'indimi mvaburayi ryiganje muri Afurika ari umurage w'ubukoronzi mu burezi bwari bugamije guhindura abanyafurika abafasha abakoronzi gushinga imizi mu bihugu byabo. (IGIRANEZA:18) Iyo mikoreshereze y'indimi mu burezi muri iki gihe ni ibisigisigi by'ubwo bukoronze kuko izo ndimi mvaburayi zikumira inyafurika mu kugeza abayituye ku majyambere mu by'ubuhanga n'ikoranabuhanga akaba ari zo zikoreshwa. Muri ubu inyafurika zisa n'izihejwe muri ayo majyambere.

*e) Kwigira mu rurimi kavukire bituma biga neza bagacengera ibyigwa*

Abashakashatsi BLOCH na MAHLALELA (1998: 23) bavuze ko kureka kwigisha mu rurimi kavukire bihombya abiga, kuko bibabuza amahirwe yo kwiga bagacengera bitabaruhije muri urwo rurimi baba batagifiteho uburenganzira. Ibyo bibatera ipfunwe n'isoni ryo kuvuga ururimi kavukire bigatuma na bo ubwabo batibonamo agaciro.

Abanyeshuri b'abanyarwanda bahura n'amasomo mu rurimi rutari urwabo batazi kandi na rwo bagomba kurwiga. Ntibaba bagishoboye kumenya gusobanura ibintu. Akaba ari yo mpamvu ari ngombwa gukora ibishoboka byose abana bakiga mu rurimi kavukire kandi bakarwigamo imyaka myinshi ishoboka kuko ari bwo babyumva neza kandi bagata ubuzima bwo mu rugo bagatangira ubw'ishuri nta ngorane. Ibyo yize abisobanura neza akanabikoresha neza mu rugo no mu buzima busanzwe. Ababyeyi na bo babafasha bitabagoye kandi bagafasha ishuri mu burere bwe.

Biba bikomeye iyo umwana avuye iwabo atangiye ishuri kuko ni ahandi hantu hatandukanye n'aho yabaga. Ni ngombwa kumworohera mu buryo bwose kandi yumva. Kwizera ko aziga ibintu bishya mu rundi rurimi atamenyereye bigashoboka ni ukumugerekaho umutwaro uremereye uzamutera kwiga mu ngorane. Aho bishobora gukorwa ni igihe abaturage bavuga urundi rurimi bakarumenya neza mbere y'uko umwana atangira kwiga, nk'uko UNESCO (57, 69) ibihamya. Cyangwa se igihe ururimi kavukire rw'umwana atari ururimi rw'igihugu. Abahanga mu miterere y'ikiremwa muntu bagaragaje ko ubwonko bw'umuntu burangiza neza gufata ireme igihe umuntu amaze imyaka ikenda avutse. Kwigisha ururimi rw'amahanga rero mbere y'icyo gihe ni ukuvuyanga imimerere n'umuco. Ururimi rw'amahanga rufatika vuba kandi neza hagati y'imyaka 9 n'imyaka 14.

Nk'uko byasobanuwe hejuru, UNESCO yashishikariye abarezi kuva kera (1953) kwigisha mu rurimi kavukire mu mashuri abanza, bitashoboka bigakorwa kugeza umwana arangije nibura imyaka itatu ya mbere y'amashuri abanza. Ibyo yabihiraga ku nyungu ziboneka mu kwigisha umwana mu rurimi kavukire zirimo gutuma nta mwana utajya mu ishuri (Kosonen, 2005); gutuma ababyeyi bagira uruhare rukomeye mu burere bw'abana bagafatanyaga n'abarezi mu gukurikirana umwana no kumufasha, (Benson, 2002). Ibyo bituma kandi abana bo mu turere tw'ibyaro akenshi baba bivugira ururimi kavukire baguma mu ishuri ntibarivemo, kandi ntibasibire cyane, (Hovens, 2002; UNESCO Bangkok, 2005).

Abateye imbere mu burezi bahamya ko mu bihugu aho abana biga mu rurimi rwabo kavukire bagera ari byo bigera ku ntego y'uburezi kuri bese bitagoranye, bigatuma n'ibyiciro by'abana byihariye (abafite ubumuga, abakene, abari mu kaga...) na bo biga neza (Benson & Kosonen, 2013; Yiakoumetti, 2012).

Muri ibi bihe abashakashatsi mu burezi batangiye kwiga ibyakenerwa (ikiguzi) n'uburyo kwiga mu rurimi kavukire byajyanirana no kwiga urundi rurimi hakiri kare ku buryo butuma umwana amenya neza ururimi kavukire rwe kandi akamenya ururimi rundi. Barashakisha kandi uburyo ubu burezi bwakwita ku buryo bwihariye kuri buri munyeshuri, kuri buri muryango, buri shuri, buri karere cyangwa buri gihugu hakurikijwe umwihariko wa buri wese. Ibyo bisaba nanone kugira abarimu babishoboye bajyanye n'ubu buryo bushya, bakagira n'integanyanyigisho zihariye kandi zikozwe neza. Ariko nta murongo ushyitse uraboneka kugeza ubu.

#### *f) Gukomeza umurunga w'ubunyarwanda*

Mu kwiga mu rurimi kavukire, abana bacengerwa n'umuco n'ubumenyi gakondo byabo kandi bakarushaho kubisobanukirwa, bakamenya abo baribo. Ibi bituma bagera ku ntego z'ubuzima bwabo kandi bakiri abanyagihugu beza.

UNESCO (2003) yo ivuga ko gushyira imbere ururimi rundi bitewe n'impamvu zindi ari ugushaka gusa na ba nyirarwo cyane bigatuma urwa kavukire rwibagirana. Ibyo kandi bituma bamwe mu baruvuga babona ko urwo bakwiye guhitamo gushyira imbere nko mu burezi ari urwahawe imbaraga na Leta kuko ari rwo ruba umuyoboro wa byose (Uburezi, ubutegets, ubukungu n'imari...). Byaragaragaye mu Rwanda ko hari benshi bumva ko abana bagomba kwiga mu cyongereza kugira ngo bamenye ubwenge. Mbese nk'aho kwiga muri urwo rurimi bihwanye no kumenya ubwenge. IGIRANEZA (2002:25) yagaragaje ko impamvu indimi nyafurika zidahabwa agaciro mu burezi atari uko zidashoboye ahubwo ko ari uko abazivuga babona zitajyanye n'igihe. Nta rurimi rujyanye n'igihe ahubwo buri rurimi rujyanishwa n'igihe.

Ururimi kavukire ruba mu byibanze bigize umuntu (ibitekerezo, imyemerere, uburyo bwo kubaho,... MUGESERA L. (1980:124: Ururimi rw'igihugu n'irangamuco.) yarabyitegereje asanga "muri muri kamere muntu harimo ikibanza cy'ururimi, gishinzemo imiganda iteye imbariro, bityo rero kuvukira ahantu ukavuga ururimi rwaho, bisa no guhoma inzu. Iyo muntu rero akwambuye ururimi rwawe, aba ahomoye ibyo byondo, ugasigara uri urutete. Aba akunyaze n'uburyo bwawe bwo gutekereza, kuko uku ukurikiranya amagambo kugira ngo uvuge ni byo bigaragaza uko usobanura ibitekerezo mu icyo gisobane k'ibitekerezo n'amagambo. Yagucengezamo urwe rurimi, akaba agucengejemo n'uburyo bwe bwo gutekereza, akaba rero aguhinduye igikoresho ke". Ibyo kandi bishimangirwa na SEBUTO mu nkuru ye "Aho ntitwataye umuco" yanditse mu Kinyamateka no 1075 cyo mu wa 1980: "Koko icyo umuntu ataye ururimi, akanarwibagirwa, aba acitse imizi kubera ko ururimi rwe kavukire ari rwo ruranga umuco karande w'igihugu." Uwo murunga uhuza Abanyarwanda ugomba gukomezwa no kwiga neza ururimi kavukire rwabo no kuruhabwamo inyigisho zose. Ni ngombwa ko ibitekerezo bya bamwe bahana abana ngo kuko bavuze Ikinyarwanda ku ishuri cyangwa bagahemba abandi kuko ngo batavuze Ikinyarwanda ahubwo bagakoresha icyongereza gusa ku ishuri bihinduka. Ni ukubambura umwenda w'ubabereye w'ubunyarwanda bakabambika uw'ubwongereza utabakwira.

### **Ingaruka**

Amashuri atigisha abana cyane abakiri mu myaka ya mbere, bitera imitima ikemanga. Iyo mitima ikemanga ni yo ituma ababyeyi batagirira ikizere amashuri, bamwe bazi akamaro ko kwiga neza mu rurimi kavukire bakagomba gushakisha aho bigisha mu rurimi kavukire nibura mu myaka ya mbere naho hakaboneka biruhanyije. Abarimu na bo bagorwa kandi bagaterwa imitima ihagaze n'abana batabasha kujyana na bo mu nyigisho kandi abana bagatsindwa cyane... Ibyo bigenda biganisha ahantu habi kuko abana bagenda binjirwamo n'uruvange rw'amagambo y'indimi bigamo n'ururimi kavukire rwabo akoreshwa biga hanyuma ururimi bumvikanagaho n'ababyeyi babo rugahinduka rukinjirwamo n'ayo magambo ababyeyi batazi kandi n'abana badasobanukiwe neza. Ubwo amagambo bazi mu rurimi kavukire rwabo akomeza kugenda agabanuka, utaretse n'umurage w'umuco gakondo bamenyera mu bumenyi bw'amagambo y'ururimi rwabo kavukire.

### **Umwanzuro**

Abanyarwanda dukunde, twige, dutekereze mu rurimi rwacu, Ikinyarwanda, rwo mu kondo uduhuza. Guteza imbere uburezi mu kinyarwanda ni ubundi buryo bwo guteza imbere Umunyarwanda. Ikinyarwanda ni cyo mizero yo guteza imbere uburezi bwa bose..., ni rwo rubereye kwigishwamo kuzageza igihe bigaragara ko umwana amaze kumenya neza izindi ndimi. Ibyo bituma indimi zikoreshwa hakurikijwe uko bifitiye akamaro n'agaciro abenegihugu kuko kuzikoresha mu mashuri uko biri ubu bitera ubusumbane mu mahirwe abonekera mu burezi.

U Rwanda rukeneye amaboko y'abana barwo bose bize neza ku buryo rutagombye gutakaza ingufu na nkeya zari kuboneka mu bana bize neza mu rurimi rwabo (Ikinyarwanda) aho guta imbaraga mu gushaka ko badidibuzwa urwongereza batazabibasha. Uguhitamo kwigisha mu rurimi abana batakuriyemo mu gihe urwabo kavukire ruhigitswe bituma hatagaguzwa amamiriyoni menshi muri gahunda y'uburezi



idatanga umusaruro, kandi abana bayize ntibabone uburezi bufite ireme kuko badasobanukirwa n'ibyo bize.

Hakenewe gukorwa ubushakashatsi ngo kwigisha ururimi kavukire no kurwigishamo birusheho kunozwa kandi bihabwe ingufu mu nteganyanyigisho zitegurwa hitawe ku mwihariko wa buri gihugu. Ubu bushakashatsi bwanagaragaza ingamba zafatwa mu myaka ya mbere umwana akigera mu ishuri n'ururimi rwatoranywa kwigishwa mu mashuri abanza aho atangira kwiga ururimi rw'amahanga. Ubu bushakashatsi bwanafasha mu kugaragaza uburyo bwo guhitamo ururimi rwakoreshwa mu kwigisha igihe abana bageze aho bagomba kwiga mu rurimi rutari kavukire. Iki gihe ababyeyi n'abashinzwe uburezi bafatanyiriza hamwe mu gushaka ikibereye abana babo.

BIZIMANA S. 1982. Igenamuga ry'ikibonezamvugo k'Ikinyarwanda. Uburezi Ubuhanga n'Umuco, n° 1, pp 95-104

BLOCH Carole & Babazile MAHLALELA. 1998. Language in our schools. A Family Guide to Multilingual Education.

BUTOTO Yohani. 2001. Umuco n'ururimi. Inama nyunguranabitekerezo ku guhesha agaciro Ikinyarwanda, pp 72-78.

IGIRANEZA Th. 2002. African languages can be used for teaching Scientific and Technological concepts. Etudes Rwandaises, n° 6, pp. 18-29.

IUL & ADEA. 2010. *Pourquoi et comment l'Afrique doit investir dans les langues africaines et l'enseignement multilingue*. Hambourg (Voir [www.unesco.org/uil](http://www.unesco.org/uil)).

LECLERC, J. (2008). Rwanda. L'aménagement linguistique dans le monde. Retrieved April 3, 2009, from <http://www.tlfq.ulaval.ca/axl/afrique/rwanda.htm>.

MUGESERA L. 1986. Ikinyarwanda n'Umuco mu gihe tugezemo. Uburezi Ubuhanga n'Umuco, n° 11, pp. 89-94

MUGESERA L. 1980. Ururimi rw'Igihugu n'irangamuco. Uburezi n'Uburere, n° 7-8, pp. 111-130.

MUNYAKAZI L. 2001. Amuga y'ubuhanga mu Kinyarwanda. Inama Nyunguranabitekerezo ku guhesha agaciro Ikinyarwanda, pp. 50-65.

MUTAKE T. 2001. Imyigishirize y'Ikinyarwanda. Inama Nyunguranabitekerezo ku guhesha agaciro Ikinyarwanda, pp. 66-71.

NKEJABAHIZI. 2013. Rwanda: la guerre des langues n'aura pas lieu, il n'y aura que des victimes. Synergies Afrique des Grands Lacs n° 2, pp. 99-111.

NKUSI L. 1980. Le Kinyarwanda peut-il devenir un instrument de communication scientifique moderne? Uburezi n'Uburere, pp. 131-138.

NKUSI L. 1980. Mbese Ikinyarwanda cyashobora kudushyikiriza ubumenyi n'ubuhanga bw'ibihe tugezemo? Uburezi n'Uburere, pp. 139-145.

NTAKIRUTIMANA. 2012. La langue nationale du Rwanda: plus d'un siècle en marche arrière. Observatoire démographique et statistique de l'espace francophone. Note de recherche de l'ODSEF. 24p.

NTAWEZA Timothee. 1980. Le Kinyarwanda dans le discours politique. Uburezi n'Uburere, pp 147-151.

PRAH, K. K. (1995). African languages for the mass education of Africans. Bonn: German Foundation for International Development, Education, Science and Documentation Centre

ROSENDAL, T. (2009). Linguistic markets in Rwanda: Language use in advertisements and on signs. Journal of Multilingual and Multicultural Development, 30(1), 19–39.

RURANGIRWA Straton. 2012. The Absence of Kinyarwanda in the Current Language Policy of Rwanda. The Journal of Pan African Studies, vol.5, n° 8.

SAMUELSON B. L. & S. W. FREEDMAN. 2010. Language policy, multilingual education, and power in Rwanda. Language Policy, Vol 9, n° 3, pp 191-215.

SEBUTO "Aho ntitwataye umuco" Kinyamateka no 1075 cyo mu wa 1980:

TWIRINGIYIMANA C. 2001. Amabwiriza y'imikoreshereze y'ururimi. Inama Nyunguranabitekerezo ku Guheshagaciro Ikinyarwanda, pp 13-22.

UNESCO. 1953. UNESCO The use of vernacular languages in education. Paris: UNESCO.

UNESCO. 2003. *Vitalité et disparition des langues*. (Voir <http://www.unesco.org/culture/ich>).

UNESCO. 2010. *Educational equity for children from diverse backgrounds: Mother tongue-based bilingual of multilingual education in the early years*. Voir <http://www.unesco.org/en/languages-in-education>.

## References

- Arnold, C., Bartlett, K., Gowani, S., & Merali, R. (2006). *Is everybody ready? Readiness, transition and continuity: Reflections and moving forward*. Background paper for EFA Global Monitoring Report 2007.
- Benson, C. (2002). Real and potential benefits of bilingual programmes in developing countries. *International Journal of Bilingual Education and Bilingualism*, 5 (6), 303-317.
- Benson, C., & Kosonen, K. (Eds.) (2013). *Language issues in comparative education: Inclusive teaching and learning in non-dominant languages and cultures*. Rotterdam: Sense Publishers.
- Bialystok, E. (2001). *Bilingualism in development: Language, literacy, and cognition*. Cambridge: Cambridge University Press.
- Cummins, J. (2000). *Language, power and pedagogy*. Clevedon, UK: Multilingual Matters.
- Hovens, M. (2002). Bilingual education in West Africa: Does it work? *International Journal of Bilingual Education and Bilingualism*, 5 (5), 249-266.
- King, K., & Mackey, A. (2007). *The bilingual edge: Why, when, and how to teach your child a second language*. New York: Collins.
- Kosonen, K. (2005). Education in local languages: Policy and practice in Southeast Asia. *First languages first: Community-based literacy programmes for minority language contexts in Asia*. Bangkok: UNESCO Bangkok.
- Malone, D. L. (2003). Developing curriculum materials for endangered language education: Lessons from the field. *International Journal of Bilingual Education and Bilingualism*, 6(5), 332.
- UNESCO (1953). *The use of the vernacular languages in education*. Monographs on Foundations of Education, No. 8. Paris: UNESCO.
- UNESCO (2003). *Education in a multilingual world*. UNESCO Education Position Paper. Paris: UNESCO.
- UNESCO Bangkok (2005). *Advocacy brief on mother tongue-based teaching and education for girls*. Bangkok: UNESCO.
- UNESCO (2007). *Strong foundations: Early childhood care and education*. Paris: Author.
- UNESCO (2008a). *Mother Tongue Matters: Local Language as a Key to Effective Learning*. Paris: UNESCO.
- UNESCO (2008b). *Mother tongue instruction in early childhood education: A selected bibliography*. Paris: UNESCO.
- Yiakoumetti, A. (Ed.) *Harnessing linguistic variation to improve education*. Rethinking Education Vol. 5. Bern: Peter Lang.

